REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA GISAGARA
B.P. 219 BUTARE
Website: www.gisagara.gov.rw
E-Mail: gisagaradistrict@minaloc.gov.rw

UMUHIGO W'AKARERE KA GISAGARA MU MWAKA WA 2011/2012

Gisagara, ku wa 22 Nyakanga 2011

IRIBURIRO

Akarere ka Gisagara ni kamwe mu Turere 8 tugize Intara y'Amajyepfo, gafite ubuso bwa km^2 678, gatuwe n'abaturage 311 827 bari ku bucukike bwa $459/km^2$. Kagizwe n'Imirenge 13, Utugari 59 n'imidugudu 524.

Ibihingwa by'ingenzi bihaboneka ni kawa, imyumbati, umuceri, ibigori, urutoki, ibishyimbo, avoka n'inanasi. Mu bworozi, hari inka, ingurube, ihene n'inkoko.

Umuhigo w'Akarere ka Gisagara mu mwaka wa 2011/2012 ushingiye ku nkingi za gahunda ya guverinoma: Ubukungu, Iimibereho myiza y'abaturage, Imiyoborere myiza n'Ubutabera.

Mu bukungu, hazatezwa imbere kongera umusaruro hashingiwe kuri gahunda yo guhuza ubutaka ku bihingwa byatoranijwe, kuwongerera agaciro, kongera umubare w'abaturage boroye no kuvugurura amatungo.

Hazatezwa imbere kandi gahunda yo kuzigama no gukoresha inguzanyo hitabwa cyane ku kongera umubare w'abaturage bitabira SACCO Umurenge.

Ibikorwa remezo biteza imbere icyaro: amashanyarazi, amazi, biogaz nabyo bizitabwaho ku buryo bw'umwihariko.

Mu mibereho myiza y'abaturage, ntibayigeraho bagifite ubujiji, niyo mpamvu hazatezwa imbere gahunda yo kwigisha gusoma, kubara no kwandika ku bakuze, kongera ibyumba by'amashuri mu rwego rwa 12YBE no kongera umubare w'ibigo byigisha imyuga(TVET) yunganira ubuhinzi n'ubworozi.

Mu buzima, hazashyirwa imbaraga mu guteza imbere ubwisungane mu kwivuza, kuboneza urubyaro, kwipimisha inshuro enye ku bagore batwite ndeste no kubyarira kwa muganga. Hazatangira kubakwa ikigo nderabuzima mu murenge umwe wari usigaye utagifite.

Mu iterambere ry'urubyiruko, ruzafashwa gukomeza kwibumbira mu makoperative ndetse aterwe n'inkunga. Tuzafasha kandi abatishoboye kwikura mu bukene bukabije binyuze muri gahunda ya VUP no gufasha imiryango y'abacitse ku icumu rya jenoside batishoboye kubona icumbi.

Mu miyoborere myiza n'ubutabera, hazitabwaho gahunda zo kubumbatira umutekano dufasha JOC ku rwego rw'Akarere n'umurenge guterana uko bikwiye kandi tubarure imiryango yose ifitanye amakimbirane.
Hazashyirwa imbaraga mu bikorwa bifasha abaturage kugira ijambo n'uruhare mu bibakorerwa no gukemura ibibazo byabo.

Hazashyirwa imbaraga kandi mu kurwanya ruswa n'Akarengane ndetse no kurangiza imanza zaciwe burundu n'inkiko gacaca icyiciro cya gatatu, izaciwe n'abunzi n'izindi nkiko.

I. UBUKUNGU

I.1. UBUHINZI

N0	INTEGO (objective)	IKIGAMIJWE (Output)	IGIPIMO (Indicator)	INTANGIRIRO MURI 2010/2011 (Baseline)	UMUHIGO W'UMWAKA(Target)	INGENGABIHE (Time framework)	UBURYO BIZASUZUMWA (Means of verification)	INGENGO Y'IMARI (Budget)	AHO IZAVA (Source of funding)
1.	Gufata neza ubutaka.	Ha 1 800 zarwanijweho isuri.	Ha zahanzweho imirwanyasuri mishya.	Ha 52 690 kuri ha 56 349 zirwanijeho isuri.	Gucukura imiringoti mishya kuri ha 1 800.	Igihembwe cy'ihinga 2012A: ha 800 (Ukuboza 2011) na 2012 B: ha 1 000 (Mata 2012)	- Raporo y'ubuhinzi. - Imirwanyasuri mishya yahanzwe.	55 000 000	MINAGRI
2.	Kongera umusaruro w'ibihingwa byatorani-jwe.	Ha 3000 zahinzweho ibigori hagasarurwa toni 10 125 kuri season C2011 na A2012.	Ubuso (ha) buhinzeho ibigori n'umusaruro wabonetse.	Ibigori byahinzwe kuri ha 1 938. Igihe cy'ihinga 2011 A hasaruwe toni 4 160.	Guhinga ibigori kuri ha 3 000, hagasarurwa toni 3 375 kuri season C2011 na toni 6 750 kuri season A2012.	Igihembwe cy'ihinga 2011C: ha 750, 2012A: ha 1 500 na 2012B:ha 750	Raporo y'ubuhinzi	10 000 000	MINAGRI
3.		Ha 7 286 zahinzweho imyumbati.	Ubuso (ha) buhinzeho imyumbati.	Imyumbati yahinzwe kuri ha 9 628.	Guhinga imyumbati kuri ha 7 286.	Igihembwe cy'ihinga 2012A:ha 1 800 na 2012B: ha 5 486	Raporo y'ubuhinzi	15 000 000	MINAGRI
4.		Ha 2 400 zahinzweho umuceri, haboneka umusaruro wa toni 3 680 muri season A 2012.	Ubuso (ha) buhinzeho umuceri n'umusaruro wabonetse.	Umuceri wahinzwe kuri ha 835 muri season A2011 na ha 1 555 muri B2011, ubuso bwose ni ha 2 390.	Guhinga umuceri kuri ha 2 400 no gusarura toni 3 680 kuri season A2012.	Igihembwe cy'ihinga 2012 A: ha 800 na 2012B:ha1600	Raporo y'ubuhinzi	2 500 000	MINAGRI

N0	INTEGO (objective)	IKIGAMIJWE (Output)	IGIPIMO (Indicator)	INTANGIRIRO MURI 2010/2011 (Baseline)	UMUHIGO W'UMWAKA(Target)	INGENGABIHE (Time framework)	UBURYO BIZASUZUMWA (Means of verification)	INGENGO Y'IMARI (Budget)	AHO IZAVA (Source of funding)
5.	Gufata neza umusaruro.	Ubwanikiro 3 bw'ibigori bwuzuye.	Umubare w'ubwanikiro bw'ibigori bwubatswe.	Nta bwanikiro bw'ibigori buhari.	Kubaka ubwanikiro 3 bw'ibigori.	Kanama 2011-Mutarama 2012	- Raporo y'ibyakozwe - Ubwanikiro bw'ibigori bwubatswe.	36 000 000	MINAGRI
6.	Kuhira imyaka i musozi.	Ibyobo 20 byo gukoresha mu kuhira imyaka i musozi byuzuye.	Umubare w'ibyobo byuzuye bifata amazi y'imvura.	Nta byobo bikoreshwa mu kuhira imyaka i musozi bihari.	Kubaka ibyobo 20 bifata amazi y'imvura akoreshwa mu kuhira imyaka i musozi.	Nyakanga 2011 – Gashyantare 2012	- Raporo igaragaza ibyobo byubatswe. - Ibyobo bifata amazi byuzuye.	30 000 000	MINAGRI
7.	Kongera ubuso bw'ibihi-ngwa byinjiza amadovize.	Ingemwe za kawa 700 000 zatewe kuri ha 280.	Umubare w'ingemwe zatewe n'ubuso zateweho.	Hatewe ingemwe 528 593 kuri ha 208,4	Gutera ingemwe za kawa 700 000 kuri ha 280	Igihembwe cy'ihinga 2012A: ha 100 na 2012B : ha180	Raporo y'ubuhinzi	155 000 000	NAEB RLDSF/ VUP
	I.2. UBWOROZI								
8.	Kongera umubare w'amatungo.	Imiryango mishya 1050 yorojwe inka.	Umubare w'imiryango mishya yorojwe inka.	Imiryango 2 062 imaze korozwa inka muri gahunda ya gira inka.	Koroza inka 1 050 imiryango mishya harimo nibura 13 zizahabwa abafite ubumuga, 13 ku bahejwe inyuma n'amateka na 100 ku bacitse ku icumu rya jenoside.	Nyakanga 2011- Kamena 2012	Urutonde rw'imiryango yorojwe	40 000 000	MINAGRI
9.	Kuvugurura amatungo.	Inka 2 340 zatewe intanga.	Umubare w'inka zatewe intanga.	Inka 1 886 zatewe intanga.	Gutera intanga inka 2 340.	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo y'iterwa ry'intanga	25 000 000	MINAGRI

I.3. AMAKOPERATIVE N'IBIGO BY'IMARI

N0	INTEGO (objective)	IKIGAMIJWE (Output)	IGIPIMO (Indicator)	INTANGIRIRO MURI 2010/2011 (Baseline)	UMUHIGO W'UMWAKA(Target)	INGENGABIHE (Time framework)	UBURYO BIZASUZUMWA .(Means of verification)	INGENGO Y'IMARI (Budget)	AHO IZAVA (Source of funding)
10.	Guteza imbere gahunda yo kuzigama no gukoresha inguzanyo.	Abaturage 42 062 bafite konti muri SACCO.	Ijanisha ry'abaturage bafite imyaka guhera kuri 18 bakorana na Sacco Umurenge.	Abaturage 28 930 kuri 147 668 bafite konti muri Sacco.	Kugira abaturage bashya 26 000 bafite konti muri SACCO.	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo igaragaza abafite konti mu bigo by'imari.	2 500 000	**MINICOM BNR**
11.	Guteza imbere amakope rative.	Amakoperati-ve mashya 26 yabonye ubuzima gatozi.	Umubare w'amakoperati-ve mashya yabonye ubuzima gatozi.	Amakoperative 62 afite ubuzima gatozi.	Kugira amakoperative mashya 26 yabonye ubuzima gatozi.	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Ibyemezo by'ubuzimagatozi ku makoperative mashya yabubonye.	5 000 000	**MINICOM**
12.		Amakoperatve 6 y'urubyiruko yatewe inkunga.	Umubare w'amakopera-tive y'urubyiruko afite imishinga yatewe inkunga.	Amakoperative 4 y'urubyiruko yatewe inkunga	Gutera inkunga imishinga y'amakoperati-ve 6 y'urubyiruko.	Nyakanga 2011-Gashyantare 2012	-Raporo y'amakoperative yatewe inkunga. -Imishinga y'amakoperative yatewe inkunga.	6 000 000	**MINI - YOUTH**

I.4. IMYINJIRIJE N'IMICUNGIRE Y'IMARI

13.	Kongera imari yinjizwa n'Akarere no kuyicunga neza.	Akarere kinjije frw 283 700 006 mu misoro n'amahoro.	Umubare w'amafaranga yinjiye ugereranije. n'ateganijwe	Muri 2010/2011, hinjiye amafaranga angana na 203 150 849 FRW.	Kwinjiza 283 700 006 Frw muri 2011/2012.	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo z'imyinjirize y'imisoro n'amahoro z'ukwezi.	13 000 000	**AKARE-RE**
14.		100% by'inama zatanzwe	Ijanisha ry'ishyirwa mu bikorwa	Raporo y'umugenzuzi mukuru w'imari	Gushyira mu bikorwa inama zose zatanzwe	Nyakanga 2011-Kamena 2012	- Raporo y'ishyirwa mu bikorwa		

		n'umugenzuzi w'imari ya Leta zitaweho.	ry'inama zatanzwe n'umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta.	ya Leta muri 2009/2010 irahari.	n'umugenzuzi w'imari ya Leta.		ry'imyanzuro y'ubugenzuzi - Inyandiko mvugo z'inama ya PFM		
I.5. IMITURIRE N'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJYI									
15.	Gutuza abaturage mu midugudu.	60% by'ingo zituye mu midugudu (ingo 39014 kuri 65024).	Ijanisha ry'ingo zituye mu midugudu.	56 % by'ingo zituye mu midugudu (ingo 36413 kuri 65024).	60% by'ingo zituye mu mudugudu (ingo nshya 2601 zatuye mu midugudu).	Nyakanga 2011-Kamena 2012	-Raporo za gahunda yo gutura mu midugudu -Kureba ingo zatujwe mu mudugudu.	13 000 000	AKARERE MINALOC
16.	Gutunganya imijyi.	Ibibanza 200 na km 3 z'imihanda byo mu Mujyi wa Ndora byakaswe.	Umubare w'ibibanza na km z'imihanda byo mu mujyi wa Ndora byakaswe.	Igishushanyo cy'umujyi wa Ndora kirahari.	Kuba ibibanza 200 n'imihanda ya km 3 byo mu mujyi wa Ndora byakaswe.	Nyakanga 2011-Kamena 2012	-Raporo y'imiterere y'ibibanza. -Ibibanza n'imihanda byakaswe.	15 000 000	RLDSF AKARERE
I.6. IBIKORWA REMEZO									
17.	Kugeza ingufu z'amasha-nyarazi ku baturage.	Imirimo yo kubaka umuyoboro w'amashanyar aziGikonko-Musha-Gakoma yarangiye.	Ijanisha ry'imirimo yo kubaka imiyoboro w'amashanya-razi ya Gikonko-Musha – Gakoma.	Isoko ryo kubaka umuyoboro ryaratanzwe n'ibyuma byaratumijwe.	Kurangiza kubaka umuyoboro w'amashanyara zi Gikonko-Musha-Gakoma (km 9).	Nyakanga 2011 - Mata 2012	-Raporo y'imirimo yakozwe. -Umuyoboro w'amashanyarazi wubatswe.	978 000 000	EWSA

18.		Imirimo yo kubaka umuyoboro wa Ndora – Gishubi igeze kuri 75%.	Ijanisha ry'imirimo yo kubaka umuyoboro w'amashanya razi wa Ndora-Gishubi	Hakozwe inyigo yo kubaka umuyoboro w'amashanyarazi Ndora –Gishubi.	Kubaka umuyoboro w'amashanyara zi Ndora - Gishubi (km 6) kugeza ku gipimo cya 75%.	Nyakanga 2011 – Kamena 2012	Raporo y'aho imirimo igeze	503 000 000	RLDSF EWSA
19.	Gufata neza imihanda.	Km 60 z'imihanda yatunganijwe hakoreshejwe TIG.	Km z'imihanda zatunganijwe hakoreshejwe TIG.	Muri 2010/2011 hatunganijwe km 76,5 hifashishijwe TIG.	Gutunganya imihanda y'ibitaka Musha -Ndora na Nyanza - Akanyaru bas (Km 60) hakoreshejwe TIG.	Nyakanga 2011 – Kamena 2012	-Raporo y'imihanda yatunganijwe hakoreshejwe TIG. -Imihanda yatunganijwe.	117 000 000	RLDSF/FER
20.	Kongera ibikorwa remezo by'amazi.	Km 37, 2 z'imiyoboro y'amazi zubatswe.	Km z'imiyoboro mishya yubatswe.	Mu Karere hari imiyoboro ifite uburebure bwa km 205.	Kubaka imiyoboro mishya ya km 37,2.	Nyakanga 2011 -Gicurasi 2012	Raporo y'igikorwa Imiyoboro yubatswe.	288 000 000	PEPAPS

I.7. IBIDUKIKIJE

21.	Kongera ubuso buteyeho amashya-mba.	Ingemwe 590 000 zatewe.	Umubare w'ingemwe zatewe.	Hatewe ingemwe z'ibiti 850 843 ku buso bwa ha 323	Gutera ingemwe 590 000	Nyakanga 2011- Gashyantare 2012	-Raporo y'ingemwe zatewe. -Ibiti byatewe.	24 500 000	RLDSF/- NAFA AKARERE
22.	Kongera ibikorwa bisimbura ingufu z'inkwi.	Imiryango mishya 26 ifite igigega bya biogaz.	Umubare w' ingo nshya zubatse biogaz.	Imiryango 8 ifite ibigega bya biogaz.	Kugira imiryango mishya 26 ifite ibigega bya biogaz.	Nyakanga 2011- Kamena 2012	- Raporo ingo zubatse ibigega bya biogaz. -Ibigega bya biogaz byubatswe.	13 000 000	MININFRA BPR/ABATURA-GE

23.		Ibigo by'amashuri 3 bifite ibigega bya biogaz.	Umubare w'ibigo by'amashuri byubatse ibigega bya biogaz.	Nta kigo cy'ishuri gifite ibigega bya biogaz.	Kugira ibigo 3 by'amashuri bifite ibigega bya biogaz.	Nyakanga 2011- Kamena 2012	-Raporo y'ibyakozwe. -Ibigega bya biogaz ku mashuri.	20 000 000	MININFRA MINEDUC

II. IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

II.1. UBUREZI

N0	INTEGO (objective)	IKIGAMIJWE (Output)	IGIPIMO (Indicator)	INTANGIRIRO MURI 2010/2011 (Baseline)	UMUHIGO W'UMWAKA (Target)	INGENGABIHE (Time framework)	UBURYO BIZASUZUMWA (Means of verification)	INGENGO Y'IMARI (Budget)	AHO IZAVA (Source of funding)
22	Guteza imbere uburezi bwa bose	Abaturage bashya 3 900 bigishijwe gusoma, kwandika no kubara.	Umubare w'abaturage bashya bigishijwe gusoma, kwandika no kubara.	Abantu 6 493 (abagabo 3413, abagore 3080) bigishijwe gusoma, kwandika no kubara.	Kwigisha abaturage bashya 3 900 gusoma, kwandika no kubara.	Nyakanga 2011- Kamena 2012	Raporo y'amasomero.	15 000 000	MINEDUC
23		Ibyumba 78 n'ubwiherero 156 byubatswe.	Umubare w'ibyumba by'amashuri byubatswe muri gahunda 12YBE.	Hubatswe ibyumba 86.	Kubaka ibyumba 78 n'ubwiherero 156.	Nyakanga-Ukuboza 2011	- Raporo y'ibyumba n'ubwiherero byubatswe. - Ibyumba n'ubwiherero byubatswe.	161 000 000	MINEDUC
24	Guteza imbere imyuga.	Ikigo cy'imyuga (TVET) i Kigembe kigisha.	Amasomo yatangiye gutangwa mu kigo cya TVET Kigembe.	Inyubako z'ikigo cy'imyuga cya Kigembe zaruzuye ariko ntikiratangira.	Gutangiza amasomo mu kigo cy'imyuga (TVET) cya Kigembe.	Mutarama 2012	- Raporo y'itangira ry'amashuri -TVET Kigembe.	15 000 000	MINEDUC AKARERE

III.2. UBUZIMA

25	Guteza imbere ubwisungane mu kwivuza.	Abaturage bose bafite ubwisungane mu kwivuza.	Ijanisha ry'abaturage bafite ubwisungane mu kwivuza.	56% by'abaturage bafite ubwisungane mu kwivuza.	Kugira 100% ry'abaturage bari mu bwisungane mu kwivuza.	Nyakanga 2011-Werurwe 2012	Raporo y'ubuzima	35 000 000	MINISA-NTE
26	Kuboneza urubyaro.	Abagore bubatse (in union) bitabira kuboneza urubyaro bakoresheje	Ijanisha ry'abagore bubatse bitabira gahunda zo kuboneza urubyaro.	37% by'abagore bubatse(in union) bitabira gahunda yo kuboneza urubyaro bakoresheje	55% by'abagore bubatse bakoresha uburyo bwo kwa muganga mu kuboneza	Nyakanga 2011 - Kamena 2012	Raporo y'ibikorwa by'ubuzima	5 000 000	MINISA-NTE

		uburyo bwo kwa muganga bageze kuri 55%.		uburyo bwo kwa muganga.	urubyaro.				
27	Guteza imbere gahunda yo kwipimisha ishuro 4 ku bagore batwite.	50% by'abagore bipimisha inshuro 4 mbere yo kubyara.	Ijanisha ry'abagore batwite bitabiriye kwipimisha inshuro 4.	Ku bagore 2663 bari batwite, 1 177 (44,2 %) bipimishije inshuro 4 mbere yo kubyara.	Kwipimisha inshuro 4 mbere yo kubyara ku bagore batwite kugera kuri 50%.	Nyakanga 2011 - Kamena 2012	Raporo y'ibikorwa by'ubuzima	5 000 000	MINISA-NTE
	Kongera ibigo nderabuzima.	Imirimo yo kubaka ikigo nderabuzima mu Murenge wa Kigembe igeze kuri 40%.	Ijanisha ry'aho imirimo yo kubaka ikigo nderabuzima mu Murenge wa Kigembe igeze>	Nta kigo nderabuzima kiri mu Murenge wa Kigembe.	Kubaka ikigo nderabuzima cya Kigembe kugera kuri 40%	Mutarama 2012 – Kmamena 2012	Raporo y'iyubakwa ry'ikigo nderabuzima.	150 000 000	RLDSF AKARERE

III.3. GUFASHA ABATISHOBOYE

28	Gufasha imiryango itishoboye binyuze muri gahunda ya VUP.	Abaturage 7 750 bafashijwe binyuze muri gahunda ya VUP.	Umubare w'abaturage bafashijwe binyuze muri gahunda ya VUP.	Abaturage babonye inkunga ya VUP ni 5 638 kuri 6 000 bari bateganijwe.	Gufasha abaturage 7 750 binyuze muri gahunda ya VUP (public works, direct support na financial services)	Nyakanga 2011 -Kamena 2012	- Raporo y'ibikorwa bya VUP. - Ibikorwa bya VUP mu mwaka 2011/2012.	529 000 000	RLDSF/ VUP
	Gufasha abacitse ku icumu rya jenoside batishoboye kubona amacumbi.	Imiryango 53 y'abacitse ku icumu rya jenoside yafashijwe kubona icumbi.	Umubare w'amazu yubatswe.	Amazu 50 yubakiwe imiryango itishoboye y'abacitse ku icumu rya jenoside.	Kubaka amazu 53 agenewe imiryango itishoboye y'abacitse ku icumu rya jenoside.	Kanama 2011 -werurwe 2012	Raporo y'amazu yubatswe.	150 000 000	FARG AKARE-RE

IV. IMIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA

N0	INTEGO (objective)	IKIGAMIJWE (Output)	IGIPIMO (Indicator)	INTANGIRIRO MURI 2010/2011 (Baseline)	UMUHIGO W'UMWAKA (Target)	INGENGABIHE (Time framework)	UBURYO BIZASUZUMWA (Means of verification)	INGENGO Y'IMARI (Budget)	AHO IZAVA (Source of funding)
29	Kubumbatira umutekano.	JOC ku rwego rw'Akarere n'Imirenge irakora neza.	Inama zabaye mu rwego rwa JOC.	JOC ku rwego rw'Akarere n'imirenge irahari.	Gufasha JOC guterana uko biteganyijwe ku rwego rw'Akarere n'Umurenge.	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo y'imikorere n'ishyirwamu bikorwa ry'imyanzuro yafashwe.	3 500 000	AKARERE
30		Ingo zifite ubwumvikane buke mu muryango zirazwi kandi zagiriwe inama.	Raporo igaragaza ingo zifite ubwumvika-ne buke mu muryango.	Hari ingo zifite ibibazo bikomoka ku bwumvikane buke mu muryango.	Gukora urutonde rw'ingo zifite ubwumvika - ne buke no kuzigira inama zigamije gukemura amakimbira-ne.	Nyakanga 2011-Kamena 2012	- Urutonde rw'ingo zifite amakimbirane. - Raporo y'ibyakozwe.	2 500 000	AKARE-RE
31	Guteza imbere ikoranabuhanga	Abavuga rikumvikana 260 bahuguwe ku gukoresha internet.	Umubare w'abavuga rikumvikana bahuguwe ku gukoresha internet.	Abaturage 114 bahuguwe ku gukoresha internet.	Guhugura abavuga rikumvikana 260 ku gukoresha internet.	Kanama 2011-Kamena 2012	Raporo y'amahugurwa.	4 680 000	AKARE-RE &MCC
32	Kurwanya ruswa n'Akarengane	Komite 59 zo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rwa buri kagari zahuguwe kandi zaguriwe telefoni 59.	Komite zahuguwe kandi zahawe telefoni.	Komite zo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rwa buri kagari zirahari.	Guhugura komite 59 zo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rwa buri kagari no kuzigurira telefoni 59.	Kanama 2011-Ukuboza 2011	Raporo y'amahugurwa ya komite. Numero za telefoni zaguzwe.	5 000 000	AKARE-RE

N0	INTEGO (objective)	IKIGAMIJWE (Output)	IGIPIMO (Indicator)	INTANGIRIRO MURI 2010/2011 (Baseline)	UMUHIGO W'UMWAKA (Target)	INGENGABIHE (Time framework)	UBURYO BIZASUZUMWA (Means of verification)	INGENGO Y'IMARI (Budget)	AHO IZAVA (Source of funding)
33	Gukemura ibibazo by'abaturage.	95 % y'ibibazo byakiriwe byarakemutse ku rwego rw'Akarere, umurenge n' inteko z'abaturage.	Ijanisha ry'ibibazo by'abaturage birakemuwe.	-Hakiriwe ibibazo by'abaturage 210 ku rwego rw'Akarere 197 (94%) byarakemuwe. -Ku bibazo 123 bikomoka ku murimo byakiriwe, 121 byarakemutse (98%).	Gukemura ibibazo by'abaturage byakiriwe ku rwego rw'Akarere, Imirenge n'inteko z'abaturage ku kigero cya 95%.	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo y'ibibazo byakemuwe n'ibitabo byakirirwamo ibibazo.	2 500 000	AKARE-RE
34	Guteza imbere uburere mboneragihu-gu.	Imidugudu 524 yatangijwemo Itorero ry'Igihugu.	Umubare w'imidugudu yatangijwemo itorero	Habaye inama yogutegura itangira ry'itorero ku mudugudu.	Gutangiza Itorero ry'Igihugu mu midugudu 524.	Nzeri 2011-Kamena 2012	Raporo y'imidugudu yatangijwemo Itorero.	10 000 000	AKARE-RE MINA - L OC
34	Gutangaza ibikorerwa mu Karere.	Ikiganiro nyunguranabite-kerezo kuri radio cyahise inshuro 12 mu mwaka.	Inshuro ibiganiro nyunguranabit ekerezo byanyuze kuri radio.	Ikiganiro kuri radio cyabaye inshuro imwe	Gutanga ibiganiro nyunguranabitek erezo inshuro 12 kuri radiyo.	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo y'ibiganiro byatanzwe.	12 000 000	MCC /SCPR project
35		Ikinyamakuru cy'Akarere gisohoka buri kwezi.	Inshuro ikinyamakuru cy'Akarere (IMBANZABI GWI) cyasohotse.	Ikinyamakuru cy'Akarere cyari cyarahagaze.	Gutangaza ibikorwa by'Akarere mu kinyamakuru "IMBANZA-BIGWI" gisohoka buri kwezi.	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo igaragaza kopi zasohotse.	6 772 720	MCC P

N0	INTEGO (objective)	IKIGAMIJWE (Output)	IGIPIMO (Indicator)	INTANGIRIRO MURI 2010/2011 (Baseline)	UMUHIGO W'UMWAKA (Target)	INGENGABIHE (Time framework)	UBURYO BIZASUZUMWA (Means of verification)	INGENGO Y'IMARI (Budget)	AHO IZAVA (Source of funding)
36	Kurangiza imanza (Exécution).	Imanza 1 938 zisigaye za gacaca zo mu cyiciro cya gatatu zarangijwe.	Umubare w'imanza za gacaca zo mu cyiciro cya gatatu zarangijwe	Imanza za gacaca 24673 kuri 26611 zo mu cyiciro cya gatatu zararangijwe.	Kurangiza imanza za gacaca 1938 zisigaye zo mu cyiciro cya gatatu.	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo y'imanza zarangijwe.	1 000 000	AKARE-RE
37		95 % by'imanza zaciwe n'abunzi n'inkiko zisanzwe zigasabirwa kurangizwa zarangijwe.	Ijanisha ry'imanza zaciwe n'abunzi zararangijwe burundu	Ku manza 93 zabonewe irangizarubanza, imanza 82 zararangijwe (88%)	Kurangiza imanza (execution) zaciwe burundu n'abunzi n'inkiko zisanzwe ku kigero cya 95%.	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo y'imanza zakiriwe n'izarangijwe (execution)	3 000 000	AKARE-RE